FPR
INKOTANYI

# FRONT PATRIOTIQUE RWANDAIS - INKOTANYI

## ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

None ku wa gatandatu, tariki ya 22 ukuboza 2018 ku Cyicaro Gikuru cy'Umuryango FPR-INKOTANYI kiri i Rusororo mu Karere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, habereye Inama ya Biro Politiki y'Umuryango FPR-INKOTANYI iyobowe na Nyakubahwa KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda akaba na Chairman w'Umuryango FPR-INKOTANYI.

Biro Politiki yaganiriye ku ngingo zikurikira:

- Iterambere ry'u Rwanda rishingiye ku munyarwanda ushoboye
- Imiyoborere yihutisha iterambere mu Cyerekezo 2050.

Mu ijambo rya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda akaba na Chairman w'Umuryango FPR-INKOTANYI, yibukije ko inama nk'iyi ari urubuga rwo kwishimira ibyiza biba byaragezweho, kureba uburyo bwo kubyongera, ku bisigasira ndetse no kureba ibitaragenze neza hagasuzumwa impamvu yabiteye hagafatwa n'ingamba zo kubikosora.

Yibukije kandi ko tugomba kongera imbaraga mu bijyanye n'iterambere ry'uburezi, ubuzima, ubukungu n'imiyoborere myiza nk'imwe mu nkingi ituma gahunda zose ziba zateganyijwe zigerwaho.

Yasabye abitabiriye inama gukomeza gukora no kubaka ubushobozi bushingiye ku baturage nk'imwe mu nzira izatuma tugera kubyo twifuza birimo umutekano uhamye no guhindura uburyo bw'imikorere bityo ibidakorwa neza bigakosorwa.

Bikorewe i Kigali, ku wa 22 Ukuboza 2018

**NGARAMBE Francois,**

**Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango FPR-INKOTANYI**